REPUBLIC OF RWANDA

RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY (RPPA)
AVENUE KN 4 AV, KIGALI-RWANDA
10th FLOOR GRAND PENSION PLAZA
P. O .Box: 4276
E-mail: rppa@rwanda1.rw

Kigali kuwa 31 May 2013

N° 010/20013-496/RPPA

MADAMU/BWANA UMUGENGA W'INGENGO Y'IMARI WA.....(BOSE)

Impamvu : kubonera igisubizo bimwe mubibazo by'amasoko atinda gutangwa no kutishyurira igihe ba rwiyemezamirimo baba bakoze amasoko ya Leta

Madamu/Bwana,

Mu rwego rwo kubonera igisubizo kirambye ibibazo by'amasoko adatangwa uko byateganijwe mu igenamigambi ry'amasoko mu nzego za Leta n'ibibazo bikomeje kugaragazwa na bamwe muri ba rwiyemezamirimo byo kutishyurirwa igihe n'azimwe mu nzego za Leta baba bagiranye amasezerano,

Mu rwego kandi rwo gushyira mu bikorwa imwe mu myanzuro y'umwiherero wa 10 w'abayobozi bakuru b'igihugu wabereye i Gabiro kuva ku itariki ya 28 kugera kuya 30/03/2013, RPPA yahawe ishingano zo gukurikirana no kugira inama Leta uko amasoko yose yajya atangwa uko yateganijwe mu igenamigambi n'uko inyemezabuguzi zose zitangwa na barwiyemezamirimo baba baragiranye na Leta amasezerano zajya zishyurirwa igihe kiba giteganwa muri ayo masezerano.

Ni muri urwo rwego dusaba inzego zose za leta zitanga amasoko ibi bikurikira :

1. Gutegura neza igenamigambi ry'amasoko azatangwa mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2013-2014 kugirango amasoko yose azatangwe uko iryo genamigambi ribiteganya. Ibi bivuze ko amatariki yo gutegura « tender documents », gutangaza, gukora isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa n'ibindi bigomba kubahirizwa uko byategeganijwe kandi ko nta soko rikwiye gutangwa ritarateganijwe cyeretse iyo ry'ujuje ibitegangwa n'itegeko kugirango ribe ari isoko ritunguranye ;
2. Ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa bigomba gutegurwa neza kugirango hirindwe ibibazo bikunda kudindiza itangwa n'ikorwa ry'amasoko ya Leta. Aha hagomba kwitabwaho **cyane cyane ibijyanye n'icyo u rwego ruba rwifuza**

kubona iyo rutanze isoko **n'ibigenderwaho mu isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa ;**

3. Nta soko rigomba gushyirwa ku igenamigambi cyangwa gutangwa hatizewe amafaranga yo kwishyura ;
4. Nta nyemezabuguzi igomba kumara igihe giteganywa n'amasezerano itarishyurwa. Iyo habaye impamvu ituma izo nyemezabuguzi zitishyurwa kubera amakosa azigaragaramo, zigomba gusubizwa abazitanze kugirango zikosorwe kandi ibi bigakorwa mugihe gito gishoboka. Iyo inyemezabuguzi nta kibazo ifite ahubwo urwego rufite ikibazo cy'amafaranga (cashflow), urwo rwego rugomba kubimenyesha rwiyemezamirimo kandi rukazamwishyura icyo kibazo kikimara gukemuka ;
5. Umukozi ugaragaweho gutinza kwishyura inyemezabuguzi (invoices) agomba gufatirwa ibyemezo n'urwego akorera ;
6. Buri rwego rusabwe gushyiraho ingamba kugirango ibi byose byavuzwe haruguru by'ubahirizwe.

Ndagirango kandi mbamenyesheko RPPA izajya itanga raporo buri gihembwe yuko inzego zatanze amasoko zikurikije igenamigambi nuko zishyuriye ba rwiyemezamirimo kugihe kandi intego ikaba ari 100% kuri byombi.

Mugire amahoro.

SEMINEGA Augustus,
Umuyobozi Mukuru wa RPPA

Bimenyeshejwe :

- Bwana Minisitiri w'Imari n'igenamigambi
- Bwana Muyobozi w'ibiro bya Minisitiri w'Intebe